

## **20121030-013 Mudaheranwa, Jackson**

Name: Mudaheranwa, Jackson

School: ASPEJ Kabare Muhazi

Class: 2<sup>e</sup>

Subject: Histoire du Genocide

---

Mudaheranwa, Jackson

Ecole: ASPEJ Kabare Muhazi

B.P. 145 RGN [Rwamagana]

Classe: 2<sup>e</sup> A

Histoir[e] du Genocide

Prefecture: Gitarama

Comm[une]: Masango

Secteur; Nyakogo

Cellule: Bweramana

---

### **Uburyo nahunze nubyambayeho muntambara y'itsembabwoko**

Intambara itangira nari ndi murugo nuko mbona muramu wanjye aje kuntwara. Turagenda ndaryama, bucyeye bagiye guhinga, byutse ngiye kubona mbona abantu benshi baturuka ahantu bita ku Gisoro muri seceleur Rwoga batwika amazu yarahari yo kwa Semamana nuko baraza barambaza bati ese ntumuri abatutsi[?] Ndababwira nti hoyo barakomeza. Ubwo saa sita muramu wange asubira iwacu asanga bahunze, amazu bayatwitse. Aragaruka ubwo nkajya ndagira kugirango ibitero bitazajya binsanga murugo. Ku itariki 19-4-94 nibwo data wacu yaje ansanga aho. Yitwaga Peter arihisha bucyeye igitero cyiraza aragicika kirigendeda nawe aragumya arahunga.

---

Hashize igihe mushiki wanjye witwa Mukeshimana Carlatte yari yihishe kwa sogokuru ubyra mama, basaza ba mama bashaka kumwica. Nuko umugabo twari duturanye abwira mama ati reba umusore mushyingire. Nuko mama aranga, ndetse na mushiki wange aranga. Ubwo muramu wange ajya kumuzana. ubwo byari bigeze hagati mu kwa 5 amuzanye bamucyeraho amubitsa ahantu yari yizeye nuko bucyeye ajya kumaza. Ubwo ku tariki 21 zo kwa 5 nibwo bitero byafashe data wacu biramwambura imyenda yose bahamagara muramu wange ngo naze arebe nuko ahageze

---

biramubabaza. Aravuga ati nimutamuha imyenda ye nange ndabica. Baratinya. Ariko barangije kumwica kuko yari umugabo ufite ingufu kandi ufite umuryango ukomeye. Ubwo barahunga

barara ku mushinjacyaha witwaga Fereda. Ariko ubwo baramurega. Bucyeye uwo macyamanza araza hamwe nu wari Burgadie wa Komine Masango barababuranyisha. Bo barega bavuga ngo bamufunge bagirango babone amende za yo kunyica numugorewe na mushiki wange wundi. Ubwo arabatsinda tuba turarakotse. Hashize igihe bazana ibitero 2 bifigikenya. Umuntu araza aratubwira ngo nuwo mushiki wange,

---

Turahunga tujya ahantu hari hatereniye impuzi nyinshi. Turiruka tugiye kugerayo tubona batwirutse tujya ahantu mu rutoki badunyuraho abarahita. Ubwo Imana iba ikinze akaboko. Ubwo ukwa 6 kuba kurageze nuko aho nari ndi, izitwaga inyenzi, Inkotanyi ziba zirahageze turahunga tugera ahantu, umukobwa witwa Jean wo kwa Marie Therese, i Karambi aravuga ati turiguhunga Inkotanyi kandi turi kumwe nazo. Ubwo ubwoba buranyica kuko bavugago ku zisekura, abantu mwisekure, naho ubwo nitwe baca imigani. Turagenda tugeze ahantu hitwa mubihembwe bya Kabagari,

---

Ubwo tubona umusirkari wambaye linete. ubwo mushiki wange yari yambaye furali ya F.P.R nuko uwo musirkari aramubwira ngo nakuremo iyo furali. Ayikuramo. Arangije aratubwira ngo arashaka kujyana natwe. Turajyana aho twakambikaga habura hihishe kuko uwo muramu wange yarahishe nabandi bantu benshi. Ubwo bihiye tugiye kurya tuboma igitero cyabatwa bambaye amashora bifite imipiri nimiheto. Babaza ibyangombwa, mushiki wange muto arabibura. Mushiki wange mukuru, we yagenderaga kundangamuntu yumugabo avuga ko ari Umututsi ariko umugabowe ari Umuhutu.

---

Ubwo muramu wange abaha injerekani y'urwagwa n'amafaranga Magana tanu (500FRW) ngo batureke. Barabijyana barangije kubinkwa baragaruka bati duhe inka niwanga turabajyana. Barijyana barayirya ariko wa musirkari yarabanaga akabihisha. Ubwo bamaze kujyana inka, uwo muramu wange nuwo musirkare baraduhekeza twizubirira imuhira turagamya. Tubaho gutyo turya soya itugira umunyu. Bigeze mu kwa 7, tujya gutira umusaza akayunguruzo, wari wasigaye adahunze tugirango tuyungure soya. Tugezeyo haza abasirkare batatu (3).

---

Umwe yari muremure kandi atazi ikinyarwanda. Mushiki wange kuko yari ageze 4<sup>e</sup> yatubwiye ko yavugaga icyongereza. Ubwo nari ndi kumwe na mushiki wange nabandi bakobwa 2. Muramu wange yari ahishe nuwo musaza numukazanawe wumututsi wari waratinye guhunga, n'umukwe w'uwo musaza wari wihishe muri idari. Ubwo twari barindwi. Musirkari umwe

aravuga, muze zima impfunguzo turebe ko nta nkotanyi ubitse. Umusaza yiva inyuma arazituka kuko yavugango ko nibasanga umukwe we mu indari. Ubwo twari barindwi. Umusirikali umwe aravuga, “muzezima ipfunguzo turebeko nta Nkotanyi ubitse”. Yari aziko ari interahamwe. Umusaza yiva inyuma arazituka kuko yavugaga ko nibasanga umukwe we mu idali bamwica, yari aziko ari interahamwe.

---

Ubwo muzehe atangira avuga ati inkotanyi sinzabika. No muri mirongo itanu niceye, ndazitemye . Ubwo wa umusirikari umwe uri gusabanulira wawundi ibyo bavuga. Ubwo bararakara batubwira ngo nitwicare turebe hepfo. Ubwo hashize akanya tubona barashe wa musaza barongera barasa umukobwa witwa Peragie. Ubwo ndahaguruka ndiruka nyura murutoki. Mushiki wange abonye nirutse nave araza yiruka badukurikiza amasasu, ibyimana tiba turikase hirya bakomeza kurasa hepfo. Hashize akanya tubona nundi mukobwa aje wiruka.

---

Ubwo na none Imana iba ikinze akaboko. Ba basirikari baba babonye aho twinjira baradukurikira baratubwira bati ni musoke. Turasoka baratubwirango ko mutahunze, turababeshya ngo twarwaye machinya. Barangije, baratubwira ngo twibabeshya batumenye. Ubwo twari dusigaye dutunze n’umutsima w’amasaka nibivoka byagwaga munsi y’urugo. Baratubwira ngo ese mutunze niki? Turababwira. Ngo turababwira ngo turabishaka. Batubwira ngo tuzajye mu Ruhango. Abandi bagenzi bacu bari baragenda. Mushiki wange akavuga ngo ni interahamwe zarebe ko tugenda bakatwica.

---

Hashize iminsi abantu barahunguka batubwirako interahamwe zageze muri Congo. Intambara iba irangiye.

Iyi ntambara ikaba yaratwaye data akaba yaragiye kwa se wabo wa papa i Butare bamwicyirayo. Bamuta mumusarane hamwe na se wabo nu mugore we nabana be. Ariko intambara irangiye tumuhamba.

Undi ni mukuru wange witwaga UZAYIKORERA Samweri, nave aho yari yihishe agenda asanga Inkotanyi. Ubwo ageze i Murama ahura nabahungu bo kwa Cangacaga baramwica nabi. Ntiwamuhabye.

---

Undi ni mukuru wange wabaga i Kigali twaherikaga kubonana ari 94. Ubwo mu kwa 2 nibwo twamubuze bakajya bavuga ko yagiye munkotanyi. Ubwo intambara irangiye baratubwira ngo

yari mu ngabo za FPR ndetse hari nabasirikale bamwe na bamwe batubwirangako bamuboye kurugamba. Nanubu nagaruke tuzi twabifashe gutyo.

Murakoze nibi nabashije gutegura.